

IBISUBIZO- IKIZAMINI CYA 2017

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N' IMITERERE Y' URURIMI

1. Ipapayi ikomoka mu gihugu cya Megiziki kiri ku mugabane wa Amerika.
Ni uko ari ho gihingwa cyane
2. Ipapayi ikunda guhingwa cyane kubera urubuto rwayo rukize kuri vitamini nyinshi, kandi amababi yayo akaba avura indwara nyinshi.
3. Igishobora kubangamira ipapayi mu buhinzi bwa yo ni imiyaya, ubutaka butaberanye nay o n'ubukonje.
4. Indwara zishobora kurwanywa n'ipapayi ni kanseri y' amara, kutituma neza, kuribwa n'umugongo
5. Impamvu umuntu urwaye agirwa inama yo kujya kwa muganga ni uko ipapayi igufasha kugira ubuzima bwiza itakuvura indwara zose kuko indwara ziterwa n'ibintu byinshi bitandukanye.
6. Ipapayi ifitiye akamaro umuhinzi wayo kuko imuha amafaranga ayigurishije, ituma agira ubuzima bwiza n'umuryango we iyo bayiriyeye.
7. Umuhinzi w' amapapayi agomba gusiga intera ingana na meteri ebyiri hagati y' umurongo n'undi.
8. Ipapayi itangira kwera nyuma imaze igihe kigera ku mezi icumi.
9. a. Rukungahaye : rukize
b. zinyuranye : zitandukanye
c. urukurikirane : uruhererekane

UBUMENYI RUSANGE BW' URURIMI

10. Amazina aturuka kuri izi nshinga
 - a. kuvura (umurwayi): umuvuzi, imivurire , amavuriro
 - b. kungana : urungano
 - c. kurya : umuryi, ururiro, ibiryo
11. Inshinga (imbundo)
 - a. umusaruro : gusarura
 - b. igogora : kugogora
 - c. imineke : kuneka
12. Imbusane z' amagambo.
 - a. ikunda ≠ yanga / bworoshye ≠ bugoye, bukomeye / gishyuha ≠ gikonja
 - b. rukungahaye ≠ rukennye
13. Sakwe sakwel
 - a. umugezi
 - b. isake
 - c. ubwoya bw' inka
 - d. Akanyoni karitse ku nzira
14. Imigani
 - a. Bitana ibisambo
 - b. Agahwa kari ku wundi
 - c. Agati gateretswe n' Imana
 - d. ntiriva
15. Amagambo yabugenewe
 - a. kugura ingoma : gukoshya ingoma
 - b. Musaza wa mama : marume - Amata yaraye ataravura : umubanzi
 - c. Gukamisha amabiko yombi : kuvuruganya
 - d. cyamenetse : cyabyaye

IKIBONEZAMVUGO

16. Ubwoko bw' amagambo
 - a. -ipapayi : izina rusange - bwiza : ntera
 - b. -ashobora : inshinga itondaguye -mu : indangahantu
 - c. -izindi : ikinyaziza ndafutura

17. Uturemajambo, amategeka

- a. -imbaraga : i-n/- baraga n→m /-b
b. -inzara : i-n/- yara y→z/n-
c. insina : i-n/- tsina t→Φ/n-s
d. agaciro : a-ka/- ciro k→g /-GR
e. inzuzi : i-n/-uzi n→nz mu bwinshi, (mu nt. ya 10), ibicumbi bifata z mu nt.10

18. Inteko

- a. ubuhinzi : nt 14 - amapapayi : nt 6
b. insina : nt 10 - umusariro : nt 3
c. umunyamurava : nt 1 -akamaro : nt 12

19. Imimaro y' amagambo

- a. - abanyeshuri : ruhamwa -ikizamini : icyuzuzo
b. -yejeje : ipfundo ry' ubutumwa ,izingiro ry'interuro
c. -Kwiga : ruhamwa
d. ibishyimbo n' ibijumba : icyuzuzo , itsinda ry' icyuzuzo

20. Ubwoko by' interuro.

- a. Interuro ibaza
b. Interuro itegeka
c. Interuro itangara
d. Interuro ihamya

IMYANDIKIRE Y' IKINYARWANDA

21. Ubutinde n' amasaku

- a. igihaza : igihaaza
b. ifi : ifi
c. amazi : amâazi
d. igitabo : igitabo
e. iwacu : iwaâcu

22. Ikosora ry' interuro

- a. Koga ni ingirakamaro ku mubiri wacu.
b. Nzagusanga imuhira ejobundi nimugoroba nka saa mbiri.

IGICE CYA KABIRI : IHANGAMWANDIKO

23. AKAMARO K' UBUHINZI BW' IMBUTO ZIRIBWA

Ubuhinzi by' imbuto ni ingirakamaro, iyo uzihinze mu buryo bugendanye n'aho zamenyereye bitewe n'imihindagurikire y' ikirere bitanga umusaruro mwiza. Akenshi na kenshi iyo ushaka guhinga imbuto ugendana n'ibihe by' umwaka kuko uramutse uhinze imbuto mu gihe cy' izuba ryinshi cyane izo mbuto zirarumba kandi ziba zagutwaye ibintu byinshi uzihinga.

Imbuto zifitiye abantu akamaro kanini ndetse n'igihungu muri rusange kuko imbuto zikize kuri vitamini zitandukanye, kandi harimo imbuto zivura indwara nk'ipapayi, pome n'izindi, hari izigabanya umuvuduko w'amaraso, hari izivura indwara y' amara ndetse hari n'ibuto zongera amaraso .

Imbuto kandi zifitiye akamaro abazihinga kuko iyo zeze neza biha abazihinga amafaranga menshi ndetse ayo mafaranga akabatungira umuryango ndetse umuhinzi w' imbuto iyo agira umusaruro mwiza bituma amenyekana mu gihugu no mu mahanga.

Imbuto ziribwa rero ni nziza ku buzima bw' umuryango ni byiza kuzihinga mu murima wawe nibura ugahinga amoko nk' atatu y' imbuto ziribwa mu murima wawe bizagufasha kwirinda indwara za hatu na hatu bityo wowe n'umuryango wawe mugire ubuzima bwiza, ariko kandi ukibuka ko ugomba kuzifata ku kigero cyateganyijwe.